**ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI IHUZA ABANYARWANDA**
***CENTRIST DEMOCRATIC PARTY / PARTI DEMOCRATE CENTRISTE***
**BP : 23 48 KIGALI Mob. 078 8470150**

# ITANGAZO RY'ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI IHUZA ABANYARWANDA (PDC) RYAMAGANA IJAMBO RYA PEREZIDA WA TANZANIYA JAKAYA KIKWETE USABA IMISHYIKIRANO HAGATI Y'URWANDA NA FDLR

Ishyaka Riharanira Demokarasi Ihuza Abanyarwanda PDC, ryamagannye kandi riramagana ijambo Perezida Jakaya Kikwete wa Tanzaniya yavugiye i Addis Abeba ku wa 25/05/2013 mu nama ya bamwe mu Bakuru b'ibihugu, ubwo yavugaga ko u Rwanda rukwiriye gutangira imishyikirano n'Abarwanyi bibumbiye mu mutwe wa FDLR.

Ijambo rya Perezida Kikwete rikwiye kwamaganwa na bose kuko ritesha agaciro Imyanzuro y'Umuryango w'Abibumbye (Isi yose) yerekeye Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994 cyane cyane uwa 935 na 955 wemejwe n'Akanama k'Umutekano ku wa 8 Ugushyingo 1994 (Conseil de Securite/Security Council) rushyiraho Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha, TPIR/ ICTR rugifite icyicaro i Arusha muri Tanzaniya.

Intego y'iyo myanzuro yari ukugira ngo abakoze icyaha cya Jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu bakurikiranwe, bityo ntihazagire uwongera kubikora kubera ko bihungabanya amahoro n'umutekano rusange w'Isi yose n'uw'u Rwanda by'umwihariko. Gukurikirana ibyo byaha kandi byagombaga kworoshya no guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda no guca umuco wo kudahana.

Izo ntego ni zo n'ubundi Leta y'u Rwanda yahaye Inkiko Gacaca kugira ngo umuco wo kudahana ucike mu Rwanda.

Gusaba imishyikirano na FDLR ni ukutubahiriza ihame ry'uburinganire hagati y'Abanyarwanda imbere y'ubutabera, bityo rigatesha agaciro imanza zose zaciwe n'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwa Arusha ndetse n'izindi nkiko zihariye mu bihugu bitandukanye by'Isi yose, harimo Inkiko Gacaca zo mu Rwanda, kuko byaba ari uguhanaguraho icyaha abicanyi bateguye kandi bagakora Jenoside mu Rwanda.

Gusaba imishyikirano na FDLR ni uguhakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda, yahitanye inzirakarengane zirenga Miriyoni ndetse no kwibagirwa abakomeje gutakaza ubuzima bwabo kubera Interahamwe n'ingengabitekerezo ya Jenoside bakomeje gukongeza mu karere k'ibiyaga bigari.

Imishyikirano isabwa na Perezida Kikwete iranyuranya kandi n'indi myanzuro yemejwe n'akanama k'umutekano ka Loni, urwego rwo hejuru rw'Umuryango w'Abibumbye, Tanzaniya na yo irimo cyane cyane uwa 1896 wemejwe ku wa 1/11/2005 wakurikiwe n'uwa 1804 wemejwe kuwa 13/03/2008 isobanura ko FDLR ari umutwe w'Iterabwoba, kandi ukaba waremeje ibihano bigomba kugenerwa abayobozi bayo. Ibihugu byose byasabwe kubyubahiriza.

Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika/African Union na wo mu nama zawo cyane cyane izikorwa n'akanama k'amahoro n'umutekano/Peace and Security Council, wagiye uganira ku mutekano muke umutwe wa FDLR utera muri Congo Kinshasa no mu bihugu biyikikije birimo n'u Rwanda isaba ko bakamburwa intwaro bakoresha.

Imiryango yose ivugwa haruguru tutibagiwe n'Umuryango uhuza ibihugu bigize Afurika y'Iburasirazuba/East African Community n'undi wese washingwa umutekano mu karere k'ibiyaga bigari, bakwiriye gukurikirana iki kibazo bakamagana ibisabwa na Perezida wa Tanzaniya kuko byaba ari uguha abicanyi ijambo n'urubuga rudakwiriye abakoze Jenoside mu Rwanda.

Bikorewe i Kigali kuwa 27/06/2013

**MUKABARANGA Agnès**

Perezida w'Ishyaka Riharanira Demokarasi Ihuza Abanyarwanda (PDC)